




# Head Start for Kent County

Connecting Families and Community Resources



*Piece by piece, we're*

**\*Better**



**Together\***

**2024-2025**

**Igitabo cy' Umub-yeyi**

# Ibirimo

<b>Aho Ibigu Biri</b> .....	<b>4</b>
<b>Urakaza neza muri Head Start y'Intara ya Kent!</b> .....	<b>5</b>
<b>Inshingano Yacu</b> .....	<b>5</b>
<b>Politike Idaheza</b> .....	<b>5</b>
<b>Ibanze ry'Intsinzi</b> .....	<b>5</b>
<b>Amabwiriza ya Imerijensi n'Ibihe Bibi Cyane</b> .....	<b>6</b>
Ikirere Kibi Bikabije no Gufunga Ishuri	6
Ibikurikizwa mu igihe cy' Umuyaga Mwinshi (Tornado)	6
Ibikurikizwa mu igihe cy' Inkongi y'Umuriko	6
Ibikurikizwa mu igihe cyo gufunga	7
<b>Aho Ubuyobozi Buri</b> .....	<b>8</b>
Inama ya Politiki y'Ababyeyi	8
Amategeko agenga Imyitwarire	9
Kunywa Itabi no Gutumura Itabi	9
Intwari	9
Gahunda yo Gucunga Imiti yica Udukoko	10
Gahunda yo Gucunga kunywa Amazi	10
Imenyekanisha ry'lhindura ry'Abakozi	10
Gusezerera Abana	11
<b>Kwemererwa, Gutanga akazi, Guhitamo, Kwiyandikisha no Kwitabira (ERSEA)</b> .....	<b>12</b>
Uburyo bwo Kwiyandikisha	12
Uburyo bwo Kubivamo	12
<b>Inama y'Ubuyobozi</b> .....	<b>13</b>
<b>Gusura Urugo</b> .....	<b>14</b>
Kwitabira	14
Filozofiya yo Gusura Urugo	14
<b>Ibikenewe Bidasanzwe</b> .....	<b>17</b>
Politiki yo Kuyobora Imyitwarire	17
Piramide y'Icyitegererezo y'Ukubikorwa	17
Ikurikirana Kw' Isuzuma ry'Iterambere	18
Kwakirwa -Ni iki?	19
Uburenganzira bw'Umubyeyi kuri Serivisi Zikenewe Zidasanzwe	
Hakurikijwe Itegeko rigenga Uburezi bw' Abantu bafite Ubumuga (IDEA)	19

<b>Umubyeyi, Umuryango, no Kwiyemeza kw'Abaturage (PFCE) . . . . .</b>	<b>21</b>
Ababyeyi n'Imiryango	21
Imurika Rusange	21
Ibiterane Umuryango Wiyemerezamo	22
Gukorerubushake	22
Amabwiriza yo Kwitabira	23
Amabwiriza yo Kurinda Abana	24
Ubufatanye bw'Abaturage	25
Gahunda y'Inzibacyuho	25
<b>Ubuzima . . . . .</b>	<b>27</b>
Ibisabwa k'Ubuzima	27
Gukaraba Ibiganza	28
Kwirinda Kubahirizwa hose	28
Gusukura n'Isuku	28
Impanuka, Ibikomere, Ibibaye bidasanze, n'Uburwayi	28
Uburwayi	29
Imiti ifatirwa ku Ishuri	29
Imenyeshya ry'Ibikorwa By'Ibanga	30
Kwoza Amenyi	30
<b>Imirire . . . . .</b>	<b>31</b>
Gahunda Ishingiyeye ku Ibiryi	31
Igihe cyo kurira mu Ishuri	31
Uko Bitegurwa	32
Ibyokurya by'inyongera bizanwa mu ishuri	32
Uburenganzira bw'Abaturage	33
<b>Uburezi . . . . .</b>	<b>34</b>
Filozofiya, integanyanyigisho, & Gahunda isanzwe ya buri muni	34
Kwitabwaho Kwibanze	35
Impapuro za buri muni (Amashuri y' Abana bato)	35
Ibyitonderwa ku Ikirere	35
Kwitagura Ishuri	36
Inshingano k'umuco n'Indimi	38
Ingendo shuri	38
Ibyo Kwohereza kwishuri hamwe n'umwana wawe	39
<b>Ubwikorezi . . . . .</b>	<b>40</b>
Inyigisho k'Umutekano	41
Gusohorwa muri Bisi	42
<b>Kurera Abana muri Leta ya Michigan . . . . .</b>	<b>43</b>
Ikaye Y'Uruhushya	43

# Aho Ibigu Biri

## Ibiko Bikuru

2626 Walker Ave. NW,  
Walker, MI 49544  
Telefoni: (616) 453-4145  
Guhamagara ku Ubuntu:  
(800) 472-6994

[www.hs4kc.org](http://www.hs4kc.org)

Ahariho	Umugereka.
Uwakira abantu ku ibiko bikuru	2210
Umuyobozi wa Uburinganire no Gusabana: Tyneicsh Williams	2247
Umuyobozi w'ikigo: Michelle Paul	2269
Umuyobozi w'isesengura ry'ibyonetse: Laura Silvis	2224

## Spanish speaking families: Choose option 8

<b>Alger:</b> 256 Alger St SE Grand Rapids, MI 49507 Ph. (616) 735-5318   Fax (616) 279-3025	<b>Plainfield:</b> 1710 Woodworth. NE Grand Rapids, MI 49525 Ph. (616) 454-8874   Fax (616) 279-3040
<b>Comstock Park:</b> 3825 Oakridge Ave. NW Comstock Park, MI 49321 Ph. (616) 493-0744   Fax (616) 279-3000	<b>Rogers Lane:</b> 2929 Rogers Lane Ave. SW Wyoming, MI 49509 Ph. (616) 532-4229   Fax (616) 279-3050
<b>Henry:</b> 551 Henry Ave. SE Grand Rapids, MI 49503 Ph. (616) 774-8822   Fax (616) 279-3010	<b>South Godwin:</b> 28 Bellevue St. SE Grand Rapids, MI 49548 Ph. (616) 735-5351   Fax (616) 279-3060
<b>Gusura Urugo:</b> 2626 Walker Ave. NW Walker MI 49544 Ph. (616) 453-4145   Fax (616) 279-3200	<b>Sparta:</b> 480 S State St, Sparta, MI 49345 Ph. (616) 735-5327
<b>Kentwood:</b> 5360 Eastern SE Kentwood, MI 49508 Ph. (616) 735-5345   Fax (616) 279-3090	<b>Springhill:</b> 2626 Walker Ave. NW Walker, MI 49544 Ph. (616) 791-9894   Fax (616) 279-3220
<b>Leonard:</b> 1708 Leonard St NE Grand Rapids, MI 49505 Ph. (616) 735-5319   Fax (616) 279-3026	<b>Sylvan:</b> 1875 Rosewood Ave. SE Grand Rapids MI 49506 Ph. (616) 241-0250   Fax (616) 279-3070
<b>North Kent:</b> 14951 White Creek Ave. NE Cedar Springs, MI 49319 Ph. (616) 696-3990   Fax (616) 279-3030	

Reba kuri <https://www.hs4kc.org/locations> ngo umenye Iminsi n'Amasaha y'ikigo. Nyamuneka menya ko ibihe by'ikigo bizakoreshwa mu umwaka utaha w'amashuri bisubirwamo mu igihe cy'amezi yo mu icyi.

## Urakaza neza muri Head Start y'Intara ya Kent!

Dushimishijwe cyane no kuba waraduhisemo kugirango utangire k'umugaraguro uburezi bw'umwana wawe. Dutegereje kuzakorana nawe kugirango tukugezeho ubunararibonye bwacu buzafasha umwana wawe gukura no guterimbere.

### Inshingano Yacu

*Gutanga Serivisi zuzuye ku abana bafite amikoro make, abana bafite imyaka itanu cyangwa iri muni yayo n'imiryango yabo duteza imbere imibereho n'iterambere ryabo.*

Uri ingenzi cyane mu ikipe yacu nk'umwigisha wambere kandi mwiza w'umwana wawe. Imikoranire yawe natwe izafasha gukora uburambe budasanzwe kuri wowe n'umwana wawe, bizategura umwana wawe kwinjira mw' ishuri ry'incuke. Nyamuneka koresha iki gitabo nk'igikoresho cyo kugufasha kurushaho kumenyera gahunda yacu. Niba ufite ibibazo, ibitekerezo cyangwa impungenge, nyamuneka uhamagare cyangwa usure urubuga rwacu kuri [www.hs4kc.org](http://www.hs4kc.org).

### Politike Idaheza

Head Start y'Intara ya Kent ifite politiki ufunguye yo kudaheza. Ababyeyi ba (abana) / abarezi b'abana bahawe ikaze mu ukwitabira ibikorwa byacu byose, harimo no gusura ishuri igihe icyo aricyo cyose. Turabategereje.

### Ibanze ry'Intsinzi

Nk' Umubyeyi, usanzwe uri umwarimu wambere kandi mwiza w'umwana wawe. Ibanze ry'Intsinzi riha ababyeyi inkunga n'imbaraga zose nk'abunganira m'urugendo shuri rw'umwana wabo. Ibanze ry' Intsinzi ni "inzira eshanu zishimishije, zoroshye, kandi zifatika zifasha umwana wawe gukura neza"! Ushobora kureba videwo yabo kugirango ushakishe inzira nyinshi zo kuzamura ubwonko bushobora gufasha abana bawe kugera kubyo bashoboye cyane.

Wige byinshi uy'umunsi kuri <https://www.successtartsearly.org/>.

# Amabwiriza ya Imerijensi n'Ibihe Bibi Cyane

## **Ikirere Kibi Bikabije no Gufunga Ishuri**

Head Start y'Intara ya Kent ikurikirana ibihe byikirere mu gihe cy'ikirere gikabije kuba kibi. Umuyobozi ushinzwe ibikorwa azamenyeshya itangazamakuru mu gihe habaye gufunga cyangwa gutinda. Amatangazo azajya atambuka k'umuyoboro wa 8 na 13. Mugihe ibigo byose (harimo na gahunda yo gusura mu urugo) birebwa no gufunga cyangwa gutinda, "Head Start y'Intara ya Kent" izashyirwa ku urutonde nk'ifunze. Mu igihe ari ikigo kimwe cyangwa bibiri bifunzwe, kubera ibihe byihariye, icyo ikigo nicyo kizashyirwa k'urutonde cyonyine.

## **Ibikurikizwa mu igihe cy' Umuyaga Mwinshi (Tornado)**

### **Gucunga Tornado**

Mu igihe cyo gucungana n' umuyaga, tuzakomeza amasomo asanzwe; abakozi bazakomeza kumenya, gukurikirana impinduka, kandi bazafata ingamba zikenewe kugirango abana babungabungirwe umutekano.

### **Kuburirwa Tornado**

Niba hatanzwe umuburo wa tornado, abakozi bazakurikiza gahunda y'umutekano kandi abana bazagumishwa ku ikigo. Niba umuburo urenze igihe cyateganijwe giteganijwe, abana bose batwarwa muri bisi bazajyanwa m'urugo mu igihe umuburo uhagaritswe kandi hari umutekano mu ukugenda. Gahunda yo Gusura mu Urugo izahagarikwa.

## **Ibikurikizwa mu igihe cy' Inkongi y'Umuriro**

Mu igihe habaye umuriro, abakozi bazakurikiza gahunda y'umutekano. Umubyeyi / umurezi bazabimenyeshwa niba hari umuriro kandi abana bose batwarwa na basi bazajyanwa m'urugo.

## Ibikurikizwa mu igihe cyo gufunga

Uburyo bwo gufunga burahari kugirango abana n'abakozi barindirwe umutekano mu igihe ibikorwa biteye akaga cyangwa biteye amakenga bibaye ku ikigo cyacu cyangwa hafi yacyo. Inyubako zacu zose hamwe n'ibyumba by'ishuri biba bifunze mu igihe abana bahari. Ibiranga abashyitsi byose bigenzurwa mbere yo kwinjira mu ikigo. Nyamuneka umenye ko utazashobora kwinjira ku ikigo cyacu mu igihe cyo gufunga kubera imerijensi cyangwa mu igihe cy'imyitozo. Dusabye imbabazi hakiri kare ku ikibazo cyose ibi bishobora kubatera; umutekano ni cyo dushyira imbere.

### Imyitozo

Abakozi b'ikigo bakora imyitozo ya tornado isanzwe, iy'umuriro no gufunga, hamwe n'abana. Imyitozo isanzwe y'imyitozo itegura abakozi n'abana mu igihe habaye ikibazo cyihutirwa (imerijensi), inyandiko z'iyi imyitozo zimanikwa ku ikigo cy'umwana wawe.

Imyitozo yose yatangajwe n'itaratangajwe, kimwe n'igiterane kivugwamo ikirere icyo aricyo cyose cyangwa ibindi byihutirwa (imerijensi) bibera ku ikigo, bizamenyeshwa ababyeyi / abarezi.

# Aho Ubuyobozi Buri

Umuyobozi Utegeka Ikigo: Michelle Paul .....616-453-4145, ext. 2269

## Inama ya Politiki y'Ababyeyi

Inama ya Politiki y'ababyeyi ni itsinda ry'ababyeyi n'abantu ku igiti cyabo bo mu baturage bakorera hamwe nk'itsinda ryo gufata ibyemezo bijyanye no gutegura no gukora gahunda muri Head Start y'Intara ya Kent (HS4KC). Inama ya Politiki y'ababyeyi iha ababyeyi ijamba mu ibyumba by'amashuri abanza ndetse naya Early Head Start na gahunda yo gusura urugo. Kandi iha ababyeyi amahirwe yo gukura kwabo bwite ndetse no mu umwuga.

Ni ngombwa cyane ko ku ibigo byose bya HS4KC na gahunda yo Gusura Urugo bigira abahagarariye ababyeyi bitabira inama za buri kwezi buri igihe, bityo ikigo cyawe cyangwa inyungu za gahunda zikumvikana. Abagize akanama gashinzwe politiki y'ababyeyi nabo basangizwa amakuru bakura mu ibikorwa n'ibiterane byo kwiyemeza bibera ku ikigo buri kwezi.

### Inama ya Politiki y'Ababyeyi ikorana n'abakozi kugeza:

- Kwitabira Inama Njyanama ya buri kwezi kandi ubaze ibibazo.
- Tanga raporo ngufi y'ibikorwa bya Njyanama ya Politiki mu igihe cyibikorwa byo kwiyemeza ibizakorwa ku ikigo.
- Fasha kurangiza Isuzuma ry'umwaka, kandi / cyangwa gukorera mu izindi komite nkuko bikenewe.
- Shishikariza abandi babyeyi kwitabira ibirori byo kwiyemeza ku ikigo cyabo kandi bakitabira gahunda.
- Tanga umusanzu mu ibiganiro byerekeranye n'igishushanyo mbonera cya gahunda, gukomeza gutera imbere, no gutegura (harimo no gusuzuma amakuru).

Kurera abana n'ifunguro bitangwa imbonankubone mu igihe cy'inama y'ababyeyi. Abanyamuryango basubizwa amafaranga yo gutwara no kurera abana. Inama Njyanama ya Politiki y'ababyeyi ishobora gukorwa kuyakure.

Ababyeyi bose bahawe ikaze kandi bashishikarizwa kwitabira inama Njyanama ya Politiki y'ababyeyi. Niba ushishikajwe no kwiga byinshi bijyanye no kuba uhagarariye Inama Njyanama ya Politiki y'ikigo cyawe, nyamuneka hamagara abakozi b'ikigo cyawe. Ku ibindi bisobanuro wakenera, ushobora guhamagara inzobere mu imibanire y'abaturage rusange n'ababyeyi kuri (616) 453 4145 umugereka wa 2205.



## Amategeko agenga Imyitwarire

Twishingikirije ku ababyeyi kugirango badufashe gutanga urugero ku abana babo. Nk'umubyeyi, ugira uruhare rugaragara mu ukuzamura umwana wawe. Kugirango umubano hagati y'ISHURI n'URUGO ugende neza bishoboka, ababyeyi n'abakozi basabwe kubahiriza amahame akurikira.

### Abakozi n'ababyeyi bazakora:

- Buri igihe ushyikirane m'uburyo butaryarya, butishishyanya kandi bwiubashye.
- Shimishwa ni uko itumanaho buri gihe ari nyumva nkumve.
- Garagaza ukwubaha n'ikinyabupfura.
- Kurikiza politiki y'ikigo yo gukemura amakimbirane, iboneka ku ubuyobozi bw'ababyeyi ku ikigo cyawe kandi iboneka k'urubuga rw'amakuru (reba ku umurongo uri hepfo) niba hari amakimbirane avutse.

Rimwe na rimwe kandi mu ibihe bidasanze, umubyeyi / umurezi / umuntu mukuru urenga ku amahame y'imyitwarire ashobora gusabwa kudasubira ku ibigo bya HS4KC, ariko umwana we iteka azakirwa neza.

### *Ipaji y'urubuga rw'amakuru:*

<https://hs4kc.org/resources/hs4kc-conflict-resolution-process/>

## Kunywa Itabi no Gutumura Itabi

Amabwiriza ya leta abuzwa kunywa itabi no gutumura itabi mu ibigo byose bya Head Start ndetse no mu imodoka zose za Head Start. Turashishikariza abantu bose bitabira ibikorwa bya Head Start, tutitaye aho bari, kwirinda kunywa itabi no kuritumura.

## Intwaro

Head Start y'Intara ya Kent (HS4KC) irabuzwa rwose gutunga imbunda, ibisasu cyangwa izindi ntwaro ziteye ubwoba cyangwa zitemewe ku ibigo.

## Gahunda yo Gucunga Imiti yica Udukoko

Amabwiriza ya Leta 637 arasaba ko buri shuri rigira gahunda yemewe yo kurwanya udukoko twangiza (IPM). IPM ikubiyemo gukoresha uburyo butandukanye bwo kugenzura, burimo ubukanishi, ibinyabuzima, kugabanya ibicuruzwa, no kugenzura ibidukikije, hamwe n'imiti yica udukoko ikoreshwa gusa igihe bibaye ngombwa. Byongeye kandi, Amabwiriza 637 arasaba ko aerosol cyangwa imiti yica udukoko twangiza udashobora gukoreshwa mubyumba by'ishuri cyangwa ahandi abanyeshuri bazaba bari mu igihe cy'amasaha ane.

Itangazo ngarukamwaka: Dukurikije Amabwiriza 637, HS4KC azamenyeshya imiryango mbere y'igihe gukoresha imiti yica udukoko byibuze amasaha 48 mbere yo kuyitera. Iri itangazo rizamanikwa ku bwinjiriro bw'inyubako y'ishuri kimwe nokwohererezwa imeri ku ababyeyi (abarezi) / umurezi. Mu ibihe byihutirwa, imiti yica udukoko ishobora gukoreshwa utabanje kubimenyeshwa, ariko uzahabwa integuza ikurikira ubusabe. Gutera imiti ku amavubi cyangwa inzuki kugirango urinde abana ni urugero rusanze rwa imerijensi.

## Gahunda yo Gucunga kunywa Amazi

Mu rwego rwo kurinda abana ba Michigan guhura n'uburozi "lead" mu amazi yo kunywa, itegeko ryo kubona amazi meza yo kunywa, 2023 PA 154, hamwe n'ivugururwa ry'itegeko ryita ku imiryango ishinze kwita ku abana, 1973 PA 116, twese hamwe tuzi nka "Filter First", ryashyizweho umukono. Dukurikije "Filter First", HS4KC izaha abakozi n'ababyeyi gahunda yo gucunga amazi yo kunywa (DWMP). Iyi gahunda izaba ikubiyemo aho amazi akoreshwa ari, ingengabihe n'ibisubizo bitanzwe no gutoranya amazi no kuyapima, n'akayungirizo (filter) hamwe n'amatariki yo guhindura akayungirizo (filter).

## Imenyekanisha ry'Ihindura ry'Abakozi

HS4KC yemera ko itumanaho hagati y'abakozi n'imiryango ni igice cy'ingenzi mu ukwitangira uburezi bw'umwana wabo. Iyo umukozi avuye mu mwanya bitewe no kuzamurwa mu intera cyangwa binyuze mu gutandukana, Ibaruwa ivuga impinduka ku umukozi izoherezwa ku ababyeyi n'imiryango ibamenyeshya impinduka.

## Gusezerera Abana

Abana nibo nyambere. Umwana ahabwa gusa abantu babiherewe uruhushya n'ababyeyi cyangwa ababarera. Tugomba guhora tugenze ifoto iranga umuntu uhawe umwana. Umuntu wemerewe guhabwa umwana agomba nibura kuba afite imyaka 18 y'amavuko.

# Kwemererwa, Gutanga akazi, Guhitamo, Kwiyandikisha no Kwitabira (ERSEA)

*Umyobozi wa Gahunda: Ebony Gonzalez-Pugh.....616 453-4145, ext. 2259*

## Uburyo bwo Kwiyandikisha

HS4KC itanga serivisi zibanziriza amashuri ku abana bafite imyaka 3-5, serivise ishingiye ku abana / bato bato ku abana bafite kuva ku ibyumweru 6 kugeza ku imyaka 3 na serivise zo gusura imiryango ku imiryango itwite hamwe n' abana bafite imyaka 0-3. Izi serivisi zitangirwa ubusa mu imiryango. HS4KC ishyira imbere kwiyandikisha kw'imiryango ifite amafaranga yinjiza ari muni y'urugero rw'ubukene rwashizweho na leta hanakurikijwe n'ubunini bw'imiryango yabo. Abana bafite ubumuga, ababa mu amarerero, abahabwa ubufasha rusange (SSI-Ubumuga, Umwana Wonyine TANF, na / cyangwa SNAP), na / cyangwa bafite ibibazo byo kutagira aho baba nabo bitabwaho mbere y'abandi bahabwa umwanya wo kwiyandikisha. Ababyeyi (abarezi) / abarezi bashobora kwandikisha abana ku ikigo icyari cyo cyose cy'ishuri ry'ikiburamwaka cy'impinja/ abana bato. Ubwikorezi bushobora kuboneka, bushingiye ku ibikenewe, ibigo byose ku abana bacu batarageza ku imyaka yo gutangira amashuri. Imyaka y'amavuko n' indi ingingo isuzumwa kugira ngo harebwe niba ibisabwa byo kwiyandikisha byujujwe. Abana bagomba kuba bafite nibura imyaka 3 cyangwa kuzuzwa imyaka 3 ku umunsi ukoreshejwe n'uturere tw'ishuri ryaho mutuye. Mu urwego rwo gutanga uburere bw'abana bato ku abana bose batarageza ku igihe cyo gutangira ishuri, hibandwa ku abana bafite imyaka 4 kandi hakurikijwe ibipimo byashyizweho byujuje ibisabwa, byemejwe n'Inama ishinzwe politiki y'ababyeyi n'Inama y'Ubuyobozi buri mwaka.

## Uburyo bwo Kubivamo

Umubyeyi / umurezi ashobora gukuramo umwana igihe icyo aricyo cyose mu igihe cy'umwaka wa gahunda. Abakozi b'ikigo bashimishwa n'uko babimenyeshwa byihuse kugirango batangire gutanga serivisi ku undi umwana vuba bishoboka. Imbaraga zihoraho zo kwinjiza imiryango zikorwa hagamijwe guteza imbere kwitabira burii gihe ku ukwitabwaho gushingiye ku ikigo no gushishikariza gusura ingo buri icyumweru muri Gahunda yo Gusura Urugo.

# Inama y'Ubuyobozi

Inama y'Ubuyobozi n'itsinda ry'abakorerabushake baturutse mu abaturage bagenzura ubucunzi bw'amategeko n'imari bya HS4KC. Ni inzobere mu ibice byinshi nka serivisi z'imibereho, imari, amategeko, n'uburere bw'abana bato. Baterana ku wa kabiri wa kane wa buri ukwezi (usibye Nyakanga na Ukuboza). Abatagize Inama y'Ubutegetsu bakirwa ari uko bavuganye n'Inama y'Ubutegetsu babyumvikanyeho na Perezida w'Inama y'Ubutegetsu. Bagomba kumenyesha Umuyobozi mukuru mu inyandiko bitarenze mu igitondo cyo ku wa mbere w'icyumweru kibanziriza itariki y'inama ya buri ukwezi bagasaba kuvuga, harimo ingingo n'ibisobanuro birambuye ku ibyo baribuvuge.

Niba hari ingingo yerekeye amakimbirane, abashyitsi bagomba kwuzuzwa ibyemejwe mu ugukemura amakimbirane mbere yo kuvugana n'Inama y'Ubutegetsu. Iyi nzira yo gukemura amakimbirane yemejwe n'Inama ishinzwe Ababyeyi n'Inama y'Ubuyobozi. Amakimbirane, iyo akemuwe neza, ahinduka amahirwe yo guhindura ibintu no gusobanukirwa. Niba ukeneye ibisobanuro birambuye ku ibyerekeye Inama y'Ubuyobozi cyangwa inzira yo gukemura amakimbirane, nyamuneka hamagara inzobere mu imibanire y'abaturage n'ababyeyi kuri (616) 453 4145 umugereka 2205.

## Abagize Inama y'Ubuyobozi Iriho Ubungubu

- Kristy Greenberg - Perezida
- Linda Pickett – Uwungirije Perezida
- Brian Hofstra - Umubitsi
- Joann Hoganson
- Rudy Gutierrez
- Tammy Smith
- Oogie LaMar
- Lauren Stanton
- Dean Pacific
- Fabiola Tenorio
- Abby Bishop

# Gusura Urugo

Umyobozi wa Gahunda: *Ebony Gonzalez-Pugh*..... 616 453-4145, ext. 2259  
Umugenzuzi: *Meg Becker*..... 616-453-4145, ext. 2208

*Serivise ku imiryango itegereje kubyara, impinja, n'abana bato muri gahunda yo gusura urugo.*

Ibyabaye ku umwana mu amezi ye ya mbere yo gukura no guterimbere nyuma bigira uruhare mu ukumenya ugutsinda mw'ishuri n'ubuzima azagira. Gahunda yo gusura urugo, ku imiryango itegereje kubyara, n'abana bafite imyaka 0 kugeza 3, ifasha imiryango guha abana babo uburere, bwitaweho, buteza imbere ubuzima bwiza bw'ababyeyi / abana n'ibisubizo byiza mu amashuri no m'ubuzima.

## Kwitabira

Biteganijwe ko ababyeyi n'umwana wabo bazaba bahari kandi ku igihe buri icyumweru kugirango basurwe. Niba umubyeyi agomba guhagarika ugusurwa, agomba kumenyesha vuba bishoboka Uribuzegusura mu Urugo, kandi hagateganywa ko bumvikana k'umunsi wundi wo kuzasimbura uyu umunsi batasuweho.

## Filozofiya yo Gusura Urugo

Gahunda yo Gusura Urugo ifasha impinja zujuje ibyangombwa n'abana bato n'imiryango yabo, hamwe n'imiryango iteganijwe, mu ukugera ku imikurire myiza n'iterambere binyuze mu ukubona ukwitabwaho guhagije mbere yo kubyara na nyuma yo kubyara; gukomeza gukurikirana no gutera inkunga ubuzima bw'abana, iterambere no kwiga; kubona serivisi zo gutabara hakiri kare; no kubona ibikoresho byabaturage bikenewe. Abaza gusura m'urugo bafasha ababyeyi kurangiza ibizamini bisanzwe byiterambere kandi bakorana n'ababyeyi gutegura ibikorwa byihariye, ibyo umwana wabo akeneye.

## Abaza gusura m'urugo bazakora:

- Bazashingwa imiryango 10-12 bagomba kwitaho.
- Bazasura urugo rumwe buri icyumweru bamarane byibuze iminota 90, mugihe basura urugo. Niba habaye guhagarika gusurwa, hagomba gushakwa undi munsu usimbura uwo. Imiryango ifite abana babiri cyangwa benshi biyandikishije bazasurwa amasaha 2.
- Gushishikariza kandi gushigikira ababyeyi (ababyeyi) gushimangira umubano n'ubuhanga nk'umwarimu wambere w'umwana.
- Gufasha umuryango kuzuza ibisabwa na:
  - Kuganira kubisabwa m'ubuzima
  - Gusabana nibura kabiri m'ukwezi no kwitabira ibirori byo ukwitanga kw'umuryango
  - Gutanga amakuru ku ibishoboka kuboneka aho batuye
  - Gushyigikira ababyeyi gutegura buri ugusurwa m'urugo ukurikije ibyo ababyeyi babona
  - Gutanga amakuru ku ibyiciro by'iterambere n'uburyo bwo kureba ibyo umwana wabo akeneye n'ibyifuzo bye

## Gusabana

Usibye gusurwa m'urugo buri icyumweru, Gahunda yo Gusura M'urugo itanga uburambe bwo gusabana (amatsinda yo gukinisha) ku abana biyandikishije hamwe n'ababyeyi babo / abarezi babo. Uburambe bw'itsinda butanga ibikorwa ku ababyeyi n'abana kwishimana hamwe, amahirwe ku ababyeyi yo gufasha abana babo gusabana n'abandi bana ndetse n'abakuze, ndetse n'ababyeyi gusangira no kwigira hamwe n'abandi ku ibyishimo n'ibibazo by'uburere. Dutanga ubusabane 22 mu imiryango yacu, ibera mu icyumba cyo gusabana gihereye ahitwa Sylvan Head Start. Ibikorwa byateguwe hamwe n'ababyeyi nabasura m'urugo bashingiye ku ibikenewe by'iterambere ry'abana n'inyungu z'ababyeyi. Utwokurya dutangwa muri buri ugusabana.

## Serivisi ku Abategereje kubyara

Inda ifite ubuzima bwiza igira ingaruka zitaziguye k'ubuzima n'iterambere ry'umwana. Igihe kibanziriza icyo kubyara kigira ingaruka zirambye k'ubushobozi bw'umwana kugirango akure neza kandi aterimbere. Abakozi ba HS4KC bateganya gusura urugo buri icyumweru kandi umuforomo uturuka ku ikigo yitabira gusura m'urugo buri ibyumweru bibiri. Terefone zishobora gutangwa hagati aho iyo gusurwa gutegerejwe, hakurikijwe ibyo umuryango uteganya kandi bikenewe.

## Serivise ku Abagore batwite zirimo:

- Gukurikiranwa abaganga igihe umugore atwite n'abaganga b'amenyo, gutanga ibikoresho, inkunga no koherezwa nkuko bikenewe.
- Gutanga amakuru akwiye kubijyanye no gukura kw'inda, kugira ibise no kubyara, kwita ku ukubyara, kwirinda SIDS, kunywa ibiyobyabwenge, kuringaniza imbyaro no kurera abana.
- Gusuzuma ibibazo by'ubuzima bwo mu umutwe buri igihe.
- Kureba niba abagore batwite babona ibyo bakeneye (imyambaro, ibiryo, amazu, n'ibindi).
- Gutanga amakurui ku ibyerekeye kwonsa no ku imirire.
- Gutanga amakuru ku ibyerekeye kwitegura gusubira ku akazi / ishuri uko bikwiye.



# Ibikenewe Bidasanzwe

Umyobozi wa Gahunda: Nicole Choice ..... 616-453-4145 ext. 2266

*Kwigisha umwana wose ku umubiri, mu amarangamutima, mu ubuzima, no mu ubwenge kugirango akemure ibyo akeneye ku igiti cye mu uburyo bukwiye.*

## Politiki yo Kuyobora Imyitwarire

Kuri Head Start y'Intara Kent, twishimiye ibyo twiyemeje mu uguteza imbere ibidukikije byiza kandi byunganira iterambere ry'umwana wawe mu imibereho no mu amarangamutima. Uburyo bwacu burashishikara, bushingiye ku kubaka umubano mwiza, kandi buyobowe na Pyramid Model- gahunda igizwe na gahunda igamije kwemeza uburyo bwiza bwo kwigisha buteza imbere imibereho n'amarangamutima mu abana bose.

Niba umwana yitwaye m'uburyo bwangiza undi, we ubwe, cyangwa we ubwe, abakozi bazagira icyo bakora. Ku inyungu z'umwana n'ishuri, niba umutekano udashobora kwizerwa, abakozi bazahura n'umuryango kugirango bajye inama y'icyo bakora. Abana ntibakurwa muri gahunda bishingiye ku imyitwarire igoye, gutinda kw'iterambere cyangwa ubumuga bwamenyekanye. HS4KC ikorana n'ababyeyi / abarezi, ibigo by'uburezi byaho, hamwe n'ibyo bafite muri kominote kugirango abana babone ibyo bakeneye. Mu ibihe hari ikibazo gikomeye cy'umutekano kitakemuwe cyangwa ngo gikurweho n'itangwa ry'ibikorwa kandi bigashyigikirwa n'umujyanama w'ubuzima bwo mu umutwe, porogaramu ishobora gutanga serivisi zinyuranye binyuze mu ubundi buryo bwo gutangiza porogaramu yindi kandi ku ubufatanye n'umuryango.

## Piramide y'Icyitegererezo y'Ukobikorwa

Kuyobora abana n'uburyo bwo guhana muri Head Start yo mu Intara ya Kent bishingiye ku ibice bikurikira:

**Ibiteganijwe Bisangizwa:** HS4KC ifite ibyifuzo by'imyitwarire isobanutse ku abanyeshuri n'abakozi bose mu ibigo. Abanyeshuri n'abakozi bahora bategerejweho gukora neza, umutekano, no kwita k'umwanya wabo cyangwa ABC.

**Ingamba Nziza zo Kuyobora:** Abakozi bacu bakoresha ingamba nziza nk'ingaruka zumvikana, kuyobora, no gukemura ibibazo. Tubuza rwose gukoresha ibihano bikora k'umubiri cyangwa tekini zose ziteye isoni, iterabwoba, ubwoba, cyangwa kugira isoni zishingiye ku igihano.

**Kwitanga kw'umuryango:** Abakozi bazi akamaro ko gufatanya n'imiryango. Niba umwana ahuye n'ibibazo by'imyitwarire, HS4KC izafatanya n'abarezi gutegura no gushyira mu ibikorwa gahunda yibanda ku ukwigisha ubumenyi bw'imibereho n'amarangamutima mu igihe bigabanya imyitwarire iteye ibibazo.

**Gukomeza Gutezimbere:** Abakozi bakomeje kwiyoungura no kwiga uburyo bushya bwo gushyigikira imyigire y'imibereho-amarangamutima no guteza imbere imyitwarire myiza y'abanyeshuri. HS4KC itanga amahugurwa ahoraho kandi ikoresha amakuru kugirango ikurikirane kandi itezimbere ingamba zihari zita kubana neza ku abana bose.

## Ikurikirana Kw' Isuzuma ry'Iterambere

Ku ubufatanye na buri umubyeyi w'umwana kandi babyumvikanyeho n'ababyeyi, HS4KC irangiza isuzuma ry'iterambere ry'ubu, ikoresheje ibibazo by'imyaka na Urugero (ASQ 3) nk'isuzuma ry'ibanze ryerekeye iterambere ry'umwana, imyitwarire, igenda, ururimi, imibereho, ubwenge, n'amarangamutima . ASQ igomba kuzuzwa mu igihe cy'iminsi 45 umwana wawe yitabiriye gahunda yacu. Ushobora kwitega kuzuzwa ASQ ighe wasuwe mu Urugo kugirango umenye ko abarimu bafite amakuru agezweho yo gushyigikira iterambere ry'umwana wawe.

Isuzuma ryitwa Devereux Early Childhood Assessment (DECA) naryo rizuzuzwa n'umwarimu w'umwana wawe nyuma yuko umwana wawe yitabiriye ibyumweru bine, na none mu igihe cyo mu icyi. Iki igikoresho kizakoreshwa mu ugupima imikurire n'iterambere mu imibereho y'umwana wawe. Abigisha bazagusangiza ingamba zivuye kuri DECA mu igihe cy'icyi n'itumba kugirango bafashe gushyigikira iterambere ry'umwana wawe. Nyuma yo kurangiza iri suzuma ku imiryango, inzobere zizakorana n'abarimu bigisha hamwe n'abaza gusura m'urugo mu igihe hagaragaye impungenge zo kunganira iterambere ry'umwana.

Hashingiwe kuri ayo masuzuma, kohereza ibindi bisobanuro bizakorwa uko bikenewe, kandi byemejwe n'ababyeyi, ku ikigo gishinzwe uburezi (LEA) cyangwa abandi banyamwuga. Abakozi ba HS4KC basuzuma kandi bagatanga cyangwa bagahuza inkunga ku abana b'imyaka 0-3 bujuje ibisabwa na Serivisi za hakiri kare (Early On services).

## Kwakirwa -Ni iki?

Bike mu Ibudukikije Bibujijwe (LRE) biratandukanye kuri buri umwana, kuko aribwo uburyo abana bashobora kugira umudendezo mwinshi wo kwiga, gukura, no gukina. Igihe cyose bishoboka, abana bafite ubumuga bashyirwa mu ibyumba by'ishuri bya Head Start y'Intara ya Kent aho bashobora kubona serivisi zikenewe hamwe n'inkunga kuri gahunda yabo y'uburezi ku giti cyabo (IEP) cyangwa gahunda ya serivisi ishinzwe umuryango (IFSP). LRE iha abo bana amahirwe yo kwiga no gukina hamwe na bagenzi babo basanzwe batera imbere k'uburyo bushoboka bwo. Byongeye kandi, abana bahabwa bungukira mukurebera k'urungano no kwemerwa mw'ishuri. Mu igihe bishoboka, LEA izahura na IEP / IFSP y'umwana itanga serivisi mw'ishuri no guhuza abarimu kugirango bafashe umwana mu ibyo akeneye.

Ababyeyi b'abana bafite ibibazo byihariye bashobora gusaba inyandiko yihariye y'umunsi w'umwana wabo igihe icyo aricyo cyose.

## Uburenganzira bw'Umubyeyi kuri Serivisi Zikenewe Zidasanzwe Hakurikijwe Itegeko rigenga Uburezi bw' Abantu bafite Ubumuga (IDEA)

### Ufite uburenganzira:

- Gutanga cyangwa kudatanga uruhushya rwawe rwanditse kugirango Inzobere mu Ikigo isuzume umwana wawe.
- Guhura n'inzobere no gusangiza ibyo wabonye hamwe n'andi amakuru yose wemera ko ari ingenzi k'umwana wawe.
- Kugirango umwana wawe asuzumwe n'izindi nzego zo hanze / LEAs hanyuma usangize ibyo wabonye n'andi amakuru yose hamwe n'abakozi ba HS4KC.
- Kuzana n'umuntu kugirango agufashe mu inama.
- Kugira isuzuma ry'umwana na gahunda byateguwe na LEA yawe mu igihe gikwiye.
- Guhabwa kopi ya gahunda yateguriwe umwana wawe.
- Kutemeranya n'igice icyo aricyo cyose cya gahunda.

## Ufite Inshingano:

- Kwitabira inama zose ziyanye na serivisi z'umwana wawe.
- Kubaza ibibazo igihe cyose udasobanukiwe n'ibivugwa cyangwa ibikorwa, cyangwa igihe cyose uhangayikishijwe n'uburyo umwana wawe akora cyangwa yiga.
- Gusangiza ibyo ubona ku ibyerekeye umwana wawe, kimwe n'impinduka zose m'umuryango, kuko ibyo bishobora kugira ingaruka k'umwana wawe kw'ishuri.
- Gukora ibikorwa byose nkuko byemeranijwe muri gahunda no gusangiza uburyo ibyo byagendekeye umwana wawe.

# Umubyeyi, Umuryango, no Kwiyezemeza kw'Abaturage (PFCE)

*Umyobozi wa Gahunda: John Robinson..... 616-453-4145 ext. 2290*

Abakozi b'ikigo cyacu biyemeje kubaka no gukomeza umubano uhoraho n'imiryango ndetse n'abaturage bakora bagana ku intego yo kwimura ababyeyi kuva 'babigizemo uruhare' baja 'basezeranya'. Iyo ibi bibaye, imiryango ibona inyungu zirimo kongera imibereho myiza y'umuryango, umubano w'abana, n'imiryango nkabunganira n'abayobozi. Ibi byose byiyongera ku imiryango ikomeye, ifite ubuzima bwiza, kandi yashinze imizi, yubaka umusingi ufasha ababyeyi n'abana gutsinda mu amashuri no m'ubuzima.

## Ababyeyi n'Imiryango

Abakozi bacu bashishikariza ababyeyi n'imiryango binyuze m'ubufatanye n'ubushake nkana, bashiraho urufatiro rw'icyizere cyo kubaka imbaraga z'umuryango n'intego. Umuntu ku igiti cye na serivisi biramenyekana. Uburezi bw'abana n'iterambere bitezwa imbere binyuze mu inama z'abarimu, gusura ingo, ubushake bw'ababyeyi, ndetse n'ababyeyi bafite inshingano z'ubuyobozi nk'inama ishinzwe politiki y'ababyeyi, abayobozi ba Cafe y'ababyeyi, ndetse no gusobanukirwa na komite ishinzwe ibisubizo. Dufite abakozi kugirango bahuze imiryango na serivisi babona muri kominote mu igihe cy' umwaka wose kugirango babone ibyo bakeneye kandi bagere ku intego. Menyesha abaza gusura m'urugo cyangwa umwarimu w'umwana wawe kubyo ukeneye n'intego zawe kugirango tubashe kuguha n'umukozi mwiza kugirango bakemure ikibazo cyawe kandi baguhuze na serivisi wabona muri kominote.

## Imurika Rusange

Intego yo gufungura ikigo kigasurwa ni uguha ababyeyi n'abana umwanya wo kumenyera ikigo n'abakozi no gutanga amakuru yingirakamaro agahabwa imiryango yerekeye serivisi HS4KC itanga. Imurika rusange iteganiye kuri buri ikigo mu intangiriro z'umwaka w'amashuri.

## Ibiterane Umuryango Wiyemerezamo

Ibiterane byo kwiyemeza kw'umuryango bikorwa buri kwezi kandi byateganijwe na buri ikigo no gusurwa m'urugo. Muri ibi ibiterane, imiryango ibona amahirwe yo kwiyemeza hamwe n'indi imiryango mu uburyo bushoboka bwose. Ibi biterane kandi ni n' amahirwe yo kubona ijwi mu ibikorwa by'ikigo no kuvumbura ibintu byinshi bikenewe n'umuryango n'intego zawo.

## Gukorerubushake

### Amahirwe y'umukorerabushake

Ababyeyi, abaturage, n'imiryango bashobora kandi gufatanya natwe binyuze muri gahunda yacu y'ubwitange. Amahirwe y'ubukorerabushake ashobora gukorwa ku igiti cy'e cyangwa hafi bitewe n'ibihe bikenewe. Abakorerabushake bashobora kwinjira muri gahunda m'uburyo bwinshi nko: gusoma inkuru, gufasha mw'ishuri, gufasha mu amafunguro, gutwara bisi nkumukorerabushake wa bisi, kwitabira komite ngishwanama, cyangwa kwinjira muri Watch D.O.G.S. Porogaramu. Niba ushishikajwe no kwitanga, cyangwa uzi umuntu uwo ari we, nyamuneka vugana n'abakozi bo ku ikigo cyawe kugirango uhabwe ayo amahirwe.

HS4KC iha agaciro abakorerabushake kandi irabakoresha ku uburyo bushoboka bwose. Abakorerabushake bahora bagenzurwa kandi ntibashobora na rimwe gusigara bonyine hamwe n'abana.

### Ibisabwa Abakorerabushake

Abakorerabushake bose bakorera ku ikigo, mu ishuri, cyangwa mu ugusabana, bagomba gusinya uko binjiye n'uko basohotse ku urupapuro abakorerabushake basinyaho.

Kugirango habeho umutekano ku abana bose, HS4KC izarangiza igenzura ryibanze ku abakorerabushake bose batari ababyeyi. Niba abakorerabushake cyangwa ababyeyi bifuzaga gufata amafoto / videwo y'umwana wabo mu igihe bari mu ibikorwa ibyari byo byose bya gahunda, amafoto ntashobora kubonekamo abandi bana batabiherewe uruhushya rwanditswe n'ababyeyi b'abandi abana.

Abakorerabushake bose bakorera ku ibigo bya HS4KC bagomba gukurikiza politiki zose z'ubuzima n'umutekano ziriho muri iki igihe. Abakorerabushake ntibagomba kuza niba bumva barwaye.

Mbere yo gukorerubushake bakorana n'abana, abakorerabushake bose bazakenera kuba ari abere, batanditswe mu igitabo rusange kirimo urutonde rw'abahohotera abana binyuze ku igitsina (PSOR).

## Amabwiriza yo Kwitabira

### Amashuri abanza (Ikiburamwaka)

Birimo inyungu nyinshi zo kwitabira ubudasiba amashuri abanza y'ikiburamwaka . Abana bitabira buri igihe bashobora kwiyoungera ubumenyi bwo gusoma hakiri kare kandi biteguye amashuri y'incuke. Bashobora kandi kwiga gusoma kugeza mu umwaka wa gatatu ndetse bakanarangiza amashuri yisumbuye.

Imikorere abana batezimbere mumashuri abanza birashoboka ko azakomeza mumashuri yose. Iyo abana basibye ishuri kubw'impamvu iyo ari yo yose (gukererwa, gutaha kare, gutaha umunsi ugeze hagati, gusiba), ntibashobora kwunguka byuzuye ibyo gahunda yacu iba yabageneye. Umwanya munini yasibye, yaba afite uruhushya cyangwa atarufite, ushobora kubuza abana gutsinda mu amashuri no m'ubuzima.

Ni igihe kingana iki cyatakajwe ngo bibe byavugwa ko ari kinini cyane? Ubushakashatsi bwakozwe na [AttendanceWorks.org](https://www.attendanceworks.org) bwerekana ko kubura 10% y'umwaka w'ishuri kubw'impamvu iyo ari yo yose (kubijyanye no gusiba byonyine, iyi ni iminsi 2 m'ukwezi) bishobora gutuma umwana adakora neza. Turashishikariza ababyeyi (ababyeyi) / abarezi guharanira kudasiba amasomo, nyamara haramutse habayeho ugusiba bibe nibura inshuro ziri munsi y'itanu k'umwaka. Dufatanye n'imiryango gukurikirana amakuru, guteza imbere kwitabira, no kumenya inzitizi zituma abana basiba ishuri.

HS4KC irasaba gukomeza kwiwandikisha byuzuye. Biteganijwe ko ababyeyi bohereza abana ku ishuri buri gihe, bakagera ku ishuri ku igihe, kandi bagacura abana ku igihe. Abanyeshuri bafatwa nk'abakerewe mu igihe harenze iminota 15 ku igihe cyo gutangira ishuri. Niba, kubwimpamvu iyo ari yo yose, umwana ari busibe ishuri k'umunsi wateganijwe, umubyeyi / umurezi agomba guhamagara ku ikigo cy'umwana wabo akimara kumenya ko umwana ari busibe ariko bitarenze iminota 15 ya mbere y'ishuri ritangiye kandi no kumenyesha ubwikorezi (niba umwana atwarwa na bisi). Ababyeyi (abarera) / abarezi (abarera) cyangwa abantu bakuru babihereye uburenganzira biteganijwe ko bazakira umwana kuri bisi cyangwa ku ikigo cy'umwana ku igihe.

Dufite inzego eshatu zo gutabara ku ibibazo byo kwitabira:

- **Icyiciro cya 1:** Kumenya no gukumira imiryango yose umwaka wose
- **Icyiciro cya 2:** Kwegera imiryango y'abana basibye 10-19 ku ijana y'iminsi biyandikishije.
- **Icyiciro cya 3:** Intego yo gutabara imiryango y'abana basibye (basibye na / cyangwa bakererewe) 20 ku ijana cyangwa irenga y'iminsi biyandikishije.

Imiryango ishobora kwitega inkunga n'amikoro kugirango ikemure initizi zo ugusiba, muri buri cyiciro cyo gutabara. Abavugizi bacu b'imiryango barahari kugirango bafatanye nawe mu ugutezimbere umwana wawe ngo ahore yitabira. Mu igihe bikabije aho umwana yasibye 50 ku ijana cyangwa irenga ku iminsi yiyandikishije, hazasabwa inama n'umuyobozi wa PFCE hamwe n'umuyobozi wa PFCE kugira ngo hamenyekane intambwe ikurikiraho kuri buri kibazo ukwacyo.

Nyamuneka saba abakozi ku ikiho cy'umwana wawe kugirango umenye amakuru yerekeye politiki yo kwitabira hamwe n'inkunga ihabwa umuryango wawe.

## Amabwiriza yo Kurinda Abana

HS4KC ifasha imiryango mu ugutezimbere iterambere ry'umwana wabo. Iyo hari impungenge zihariye z'ubuzima bw'umwana cyangwa imibereho myiza ye, inzira yacu n'ukwitabaza umubyeyi cyangwa umurezi kugirango tuganire ku ibibazo. HS4KC kandi ni ikigo gishinzwe gutanga raporo. Turasabwa n'amategeko kumenyesha amakuru yose akekwo guhohotera abana cyangwa kutabitaho kuri serivisi ishinze kurengera abana. Abakozi b'ikigo ntibakora iperereza. Uburyo dusabwa ni:

1. Abakozi b'ikigo bakeka ko umwana yahohotewe cyangwa atitaweho, cyangwa umwana akavuga ko yahohotewe cyangwa atitaweho.
2. Abakozi b'ikigo batanga raporo kuri Serivise zo Kurinda Abana binyuze mu nzira zacu.
3. Abakozi b'ikigo nabo bahamagara 911 mu igihe cya imerijensi iyo bikenewe.



## Ubufatanye bw'Abaturage

Binyuze mu ibikorwa by'abaturage, twashyizeho ubufatanye n'inzego zakarere kugirango dufashe imiryango kumenya serivisi zikenewe. Abakozi bacu bahuguwe kugirango bafashe imiryango kubona ikigo / gahunda ibereye mu Intara ya Kent kugirango bafashe muri serivisi nk'imyambaro, uburezi, ibiryo, amahugurwa y'akazi, ubufasha mu by'amategeko, ururimi no gusoma, serivisi z'ubuzima bwo mu mutwe, aho kuba / amazu, ubwikorezi, gukumira kunywa ibiyobyabwenge no kuvura, serivisi zita ku abana no guhohoterwa, ihohoterwa rikorerwa mu ingo, ubufasha bufasha abana, uburezi bw'ubuzima, kurera, uburere, no gushaka umutungo.

## Gahunda y'Inzibacyuho

### Guhera kuri Early Head Start kugeza ku Ikiburamwaka cya HS4KC

Umwana wawe arakura vuba! Ku mezi 30, Uza kugusura iwawe m'Urugo cyangwa umwarimu wo muri Early Head Start (EHS) azatangira kuganira nawe kubyerekeye kuva muri EHS. Nk'umubyeyi, ushobora kugira ibibazo byerekeranye no kumenya niba umwana wawe yujuje ibyangombwa by'ishuri rya HS4KC, ikigo umwana wawe ashobora kwigaho, mu igihe ishuri rya HS4KC ritangiye n'ubundi uburyo bw'umuryango wawe. Usura mu urugo rwawe / Umwarimu wa EHS ashobora kugutegurira kuzura porogaramu ya HS4KC mbere ko ishuri ritangira, kugirango usure ikigo aho umwana wawe azatangirira, kandi ugakorana n'abakozi ba HS4KC b'ikiburamwaka kugirango borohereze iyimuka ryo kuva m'urugo ajya mw'ishuri. Hazabaho guhura kugirango rifashe iyo miryango yimukira muri gahunda y'ikiburamwaka. Turashaka gufasha umuryango wawe muri iyi ntambwe ikomeye.

### Kuva mu Ikiburamwaka cya HS4KC Ujya muri Kindergarten

Nkumubyeyi wumwana uzimukira mu ishuri ry'incuke umwaka utaha, ushobora kugira ibibazo byinshi niba umwana wawe yiteguye amashuri y'incuke, igihe n'aho kwiyandikisha n'uburyo bwo gushyigikira imyigire mu urugo.

Mugihe cy'inama ya kabiri y'abigisha b'ababyeyi y'uyu umwaka w'amashuri, abana bose bimukira mu ishuri ry'incuke bazahabwa ibikoresho by'incuke. Muri iki gikoresho, uzasangamo impapuro zingenzi zikenewe kugirango umwana wawe yandikwe. Ahagana mu impera z'umwaka w'amashuri uzakira inyandiko y'umwana wawe yiteguye kw'ishuri, izafasha uzaba umwarimu w'incuke kumenya uko umwana wawe yakoze akiri muri HS4KC.

HS4KC izakira ibiterane by'inzigacyuho. Ibi biterane bizatanga inkunga ku imiryango yitegura kwimukira muri gahunda itaha. Iyi nzigacyuho ishobora kuba irimo abana bafite imyaka 3 bimukira mu amashuri y'imyaka 4 kimwe n'abana bose bafite imyaka 4 bimukira mu amashuri y'incuke. Turashishikariza imiryango kwitabira ibi biterane kugirango ibisubizo byabo byose bisubizwe. Iyi nama izatanga inkunga ku imiryango mu igihe biteguye kwimukira mu ishuri ry'incuke. Tegura kwitabira iyi nama kugirango ibibazo byawe byose bisubizwe.

Turashaka kugufasha kubona ibisubizo ku ibibazo byawe no gufasha umuryango wawe mur'iyi nzigacyuho ishimishije. Nyamuneka saba abakozi bo ku ikigo cy'umwana wawe, Inzobere mu imibanire y'Ababyeyi cyangwa Abaturage cyangwa Umuyobozi wa Gahunda yo Guhuza Ababyeyi, Abaturage n'Umuryango kugira ngo umenye amakuru menshi.

# Ubuzima

Umyobozi wa Gahunda: Anne Glass..... 616-453-4145 ext. 2241

*Guteza imbere ubuzima no kwirinda indwara no gukomereka bifasha abana gutsinda mu ishuri.*

## Ibisabwa k'Ubuzima

HS4KC ifatanya nimiryango kugirango abana babone ubuvuzi bukwiye kugirango barebe ko abana biteguye gutsinda mu amashuri abanza ndetse nay'incuke.

Ibiro bya Head Start bisaba abana bose biyandikishije muri Head Start gusuzumwa:

- Ugusuzumwa kw' abana (gusuzumwa umubiri wose) ab'ikiburamwaka bakeneye gusuzumwa buri mezi 12; abana bakivuka kugeza ku imyaka ibiri bakeneye gusuzumwa kenshi.
- Ikizamini cyo mu amenyo no guhoma amenyo yacukutse. Guhera ku umwaka 1, abana bakeneye gusuzumwa amenyo no kuyozza buri mezi 6.
- Gusuzumwa kwumva n'amaso bikorwa buri umwaka n'ishami ry'ubuzima n'abakozi ba HS4KC. Uzamenyeshwa ibisubizo hanyuma woherezwe aho uzakomeza gusuzumwa niba umwana wawe afite ikibazo mu ukumva cya icyo mu amaso.

Abakozi b'ikigo bakorana n'imiryango kugirango babone ibyangombwa byose by'ubuzima bisabwa kandi bakurikiranwe ubuvuzi. Nyamuneka menyesha umwarimu w'umwana wawe niba ukeneye ubufasha mu ukubona ubuvuzi.

Ibikurikira byerekana igihe umwana adashobora kwemererwa kwitabira gahunda:

- Umwana ntazemererwa gutangira ishuri niba inkingo ze zituzuye, cyangwa adafite igihamya ko atagomba guhabwa inkingo.
- Umwana aashobora kwirukanwa nyuma y'iminsi 30 niba HS4KC itabonye kopi yikizamini cyemeza ko yasuzumwe umubiri wose. Ku abana b'ikiburamwaka, ikizamini cy'umubiri kigomba kuba cyanditswe mu amezi 12 ashize. Ku abana bato bato, ikizamini kigomba kuba cyanditswe mu amezi 6 ashize.

## Gukaraba Ibiganza

Abana, abakozi, n'abakorerabushake bakaraba intoki ako kanya bageze ku ishuri / ku kazi, mbere na nyuma yo kurya / gutunganya ibiryo, nyuma yo koga / guhindura dayapa, nyuma yo koza amenyo, nyuma yo guhura n'amazi y'umubiri, nyuma yo gukoresha amazi yo ku ameza, gukina hanze, gukora ku amatungo, igihe cyose bigaragara ko amaboko yanduye kandi nyuma yo gukuraho uturindantoki.

## Kwirinda Kubahirizwa hose

Abakozi bose bakoresha ukwirinda kubahirizwa hose kugirango birinde guhura n'amaraso cyangwa n'ibindi bikoresho bishobora kwanduza. Amaraso yose n'ibindi bikoresho bishobora kwanduza bifatwa nk'ibyanduye. Ibikoresho byo kurinda umuntu byambarwa igihe cyose mu igihe ahuye n'ibintu byose biva mu umubiri.

## Gusukura n'Isuku

Ameza n'ahandi hantu hagomba gusukurwa nyuma yo gukoreshwa. Ameza asukurwa mbere yo gutegura ifunguro , mbere yo kurya cyangwa hategurwa ibiryo , na hanyuma yo kugabura.

Ibikinisho byakoze mu akanwa cyangwa byandujwe mu ubundi buryo n'amazi yavuye mu umubiri bishyirwa mu ibikoresho kugirango bisukurwe umunsi urangiye cyangwa mbere yuko byongera gukoreshwa n'abana. Ibikinisho bisukurwa buri icyumweru mu igihe byanduye.

## Impanuka, Ibikomere, Ibibaye bidasanze, n'Uburwayi

HS4KC irasabwa kukumenyesha hamwe n'Ishami rishinzwe gutanga Impushya ishami rya Michigan rishinzwe serivisi z'abantu ku ibintu byose bikurikira:

- Umwana wawe yazimiye cyangwa ari wenyine nta urikumucunga
- Ibyabaye birimo ibirego byo uguhura bidakwiye
- Inkongi y'umuriro ku ikigo isaba gukoresha ibikoresho byo kuzimya umuriro cyangwa bikaviramo gupfa cyangwa gutakaza ibintu
- Ikigo cyakuwemo abana kubera impamvu iyo ari yo yose
- Umwana wawe yakomeretse

Niba umwana wawe agize impanuka ikamuviramo gukomereka, uzakabwa kopi y'impapuro za raporo y'impanuka.

Niba igikomere gisaba serivisi z'ubuvuzi bwihutirwa, umukozi azahamagara 911 nawe ubwawe azaguhamagara. Niba abakozi badashoboye kukubona kuri terefone, bazahamagara abantu banditswe ku urutonde rw'umwana wawe rwa abahamagarwa mu uburyo bwihutirwa. Niba utaragera ku ikigo, umukozi azajyana umwana wawe mu ibitaro.

## Uburwayi

### Ibishingiye ku Ikigo

Niba umwana wawe arwaye, ku ubwabo no ku ubwabo bigana hamwe n'abarimu, umwana wawe agomba kuguma m'urugo. Niba umwana wawe arwaye kw'ishuri, uzabonana kugirango ufate umwana wawe. Niba udashobora kugerwaho, tuzahamagara abantu bagenwe nawe ngo baze gufata umwana wawe.

### Gahunda yo Gusura m'Urugo

Niba hari umuntu m'urugo rwawe urwaye, kubwabo no kubwabandi bana ndetse n'uwashyize urugo rwawe, ugomba guhamagara uwashyize iwawe kugirango uhagarikwe kandi uhindure gahunda yo gusura m'urugo mu igihe cy'icyumweru kimwe.

### Umwana agomba kuguma m'urugo / Gusura m'urugo bigomba guhagarikwa & na guhindura Gahunda iyo:

- Umwana afite umuriro kandi afite uburwayi cyangwa afite ibindi bimenyetso nko kubabara mu umuhogo, kuruka cyangwa impiswi.
- Umwana yagize ibice bibiri cyangwa byinshi byo kuruka na / cyangwa impiswi mu igihe cy'amasaha 24 ashize.
- Umwana afite ibicurane n'umuriro cyangwa akora uburwayi.
- Umwana afite cyangwa akekweho kuba afite uburwayi bwanduza.
- Umwana wawe arwaye cyane k'uburyo atitabira ishuri cyangwa gusurwa m'urugo

### Imiti ifatirwa ku Ishuri

HS4KC ntashobora gufata imiti iyo ari yo yose mu ishuri keretse byarasabwe na muganga. Niba umwana wawe akeneye imiti kw'ishuri, nyamuneka hamagara Umuyobozi w'ikigo wo kuri Head Start y'umwana wawe. Nyamuneka ntugashyire imiti mu igikapu cy'umwana wawe kandi ntukemere ko umwana wawe azana imiti iyo ari yo yose mu umufuka.

## Imenyeshya ry'Ibikorwa By'Ibanga

Kopi ya HIPAA yuzuye (Ubwishingizi bw'ubuzima n'uburyo bwo kubazwa ibyo ushinzwe) iraboneka ku ikibaho cy'amakuru cy'ababyeyi ku ikigo cya HS4KC cy'umwana wawe.

### Kwoza Amenyo

Abana boza amenyo rimwe k'umunsi mu igihe bari mw'ishuri. Kwoza amenyo bikorwa ku ameza kugirango bigabanye ikwirakwizwa rya mikorobe. Buri umwana afite uburoso bw'amenyo bwanditseho amazina ye. Uburoso bubikwa kandi ahatagera abana mu igihe budakoreshejwe. Uburoso bw'amenyo busimburwa buri mezi 3 mu igihe cy'umwaka wa gahunda.

*Intego yacu n'ukureba ko abana biteguye gutsinda mu amashuri batanga ifunguro ry'intungamubiri n'ibiryo mu igihe abana bashobora kugira uruhare rugaragara m'uburyo bwisanzuye, bw'umuryango.*

## Gahunda Ishingiye ku Ibiryo

Abana bahabwa ibiryo bishingiye ku amahitamo ya gahunda:

Gahunda yo Gusura Murugo	Umunsi Wose w'Ishuri
Gusabana: Kabiri mu ukwezi	Ifunguro rya mu gitondo
Gusura m'Urugo: Rimwe mu ukwezi	Ifunguro rya sasita Ibiryo

## Igihe cyo kurira mu Ishuri

- Amafunguro n'ibiryo bitangwa m'uburyo bw'umuryango aho abana bashishikarizwa gutegura ameza, bakigaburira bo ubwabo, bakaganira ku ibiryo barya hamwe n'abandi ku ameza, hanyuma bagasukura aho bariye.
- Abana barashishikarizwa kugerageza ibiryo bishya, ariko ntibabihatirwa.
- Ibiryo byinyongera birahari nkugirango abana bashyire inzara.
- Ibiryo ntibikoreshwa nk'igihano cyangwa ibihembo.
- Kugaburirwa ibyokurya byihariye bikorerwa abana bafite ibibazo byihariye byimirire kandi bikemezwa na muganga.
- Amata y'ifu azahabwa impinja mu ibyumba by'uruhinja. Niba hakenewe amata adasanzwe kubera ubuvuzi, hakenewe ubundi buryo bushingiye ko byemejwe na muganga w'uruhinja.
- Buri munsi ababyeyi bazatanga inkongoro ishatu zisukuye ku abana babo kandi bazatunganya inkongoro z'umwana bakihagera. Niba badashobora kuzana inkongoro, bazazihabwa. Inkongoro zizashyirwaho amazina y'umwana kimwe n'itariki n'igihe inkongoro yateguriwemo.

Ubunararibonye ku ibyerekeye ibiryo butangwa buri igihe kandi butuma abana bitabira gutegura ibiryo nyabyo, hanyuma bakarya ibyo bamaze gutegura. Kwoza amenyo bikorwa buri umunsi nyuma yo kurya.

## Uko Bitegurwa

- Bimanikwa mw'ishuri kandi buri ukwezi k'urubuga rw'ikigo kuri [www.hs4kc.org](http://www.hs4kc.org).
- Biteganijwe ko bihuza na Gahunda Y'ibiryoy'abana n'Abakuze yo muri Head Start.
- Byashizweho kugirango bitange ibiryoy'abandukanye bifite intungamubiri, mu igihe bigabanya isukari, ibinure n'umunyu.
- Ibiribwa biturutse mu imico itandukanye bitangwa igihe cyose bishoboka.

## Ibyokurya by'inyongera bizanwa mu ishuri

Kugira ngo ibyumba by'ishuri bitekane kandi bibereye abana bose, ibiryoy'abanza n'imiryango cyangwa abakozi ntibizemerwa mu ibyumba by'ishuri.

Imiryango irashishikarizwa kuvugana n'umwarimu w'umwana cyangwa umuyobozi w'ikigo kugirango baganire k'ubundi buryo bushoboka buzana umutekano kandi buboneye bose . Ibitekerezo bishobora kuba bikubiyemo kumarana umunsi n'umwana wabo mw'ishuri, gukora igitabo cyangwa undi umushinga ukorewe mu urugo ariko utari uw'ibiryoy'abanza kugirango usanginzwe n'ishuri, n'ibindi n'ibindi.

Umuyobozi ushinze gahunda y'imirire arahari kugirango aganire ku ibibazo byawe bijyanye n'imirire idasanzwe, ibibazo by'uburemere, allergie yibyo kurya, guhaha iby'ingenzi, no gutegura ukobikorwa m'urugo. Igitekerezo cy'ababyeyi ku uburyo bitegurwa hamwe n'ubunararibonye mu ibiryoy'abanza buri igihe kirakirwa. Nyamuneka tanga igitekerezo icyo aricyo cyose ugihe umwarimu w'umwana wawe, ku uza gusura m'urugo, cyangwa umuyobozi wa gahunda y'imirire. Amahugurwa y'imirire ashobora kubera mu igiterane cy' ibikorwa byo gukora amasezerano, bishingiye ku ibyo ababyeyi bashaka.

## Kwonsa

Head Start ya Kent County (HS4KC) yemera kandi ishyigikira ibyiza byo kwonsa. Dutanga umwana aho umubyeyi ashobora kuza kwonsa umwana we ku ikigo kandi / cyangwa kumuha inkongoro irimo amashereka yatanze na nyina.



## Uburenganzira bw'Abaturage

Dukurikije amategeko y'uburenganzira bwa muntu hamwe n'ishami ry'ubuhinzi muri Amerika (USDA) amabwiriza n'uburenganzira bwa muntu, USDA, Ibigo byayo, ibiro, n'abakozi, ndetse n'ibigo byitabira cyangwa biyobora gahunda za USDA birabujijwe kuvangura bishingiye ku ubwoko, ibara, inkomoko y'igihugu, idini, igitsina, indangamuntu (harimo n'uburinganire), icyerekezo cy'imibonano mpuzabitsina, ubumuga, imyaka, uko abashakanye, umuryango / ababyeyi, amafaranga akomoka muri gahunda ifasha rubanda, imyizerere ya politiki, cyangwa kwihorera cyangwa kwihorera ku ibikorwa by'uburenganzira bwa muntu mbere, muri gahunda cyangwa ibikorwa byose byakozwe cyangwa byatewe inkunga na USDA (ntabwo ishingiro ryose rikoresheya kuri gahunda zose). Umuti w'ibibazo no gutanga ikirego, igihe ntarengwa cyabyo gihunduka bijyanye na gahunda iyariyo cyangwa ibyabaye ibyaribyo.

Ababana n'ubumuga bakeneye ubundi buryo bwo gutumanaho amakuru (urugero: Braille, inyuguti nini, amajwi yafashwe, ururimi rw'amarenga rw'Abanyamerika, n'ibindi) bagomba guhamagara uyobora Ikigo kibishinzwe cyangwa ikigo cya TARGET cya USDA kuri (202) 720 2600 (ijwi na TTY) cyangwa vugana na USDA unyuze muri Federal Relay Service kuri (800) 877 8339. Byongeye kandi, amakuru ya porogaramu ashobora kuboneka mu izindi indimi zitari icyongereza.

Kugira ngo utange ikirego cy'ivangura muri porogaramu, uzuzura urupapuro rwabigenewe rw'ivangura rwo muri gahunda ya USDA, AD 3027, usanga ku umurongo [How to File a Program Discrimination Complaint](#) no ku ibiro ibyo ari byo byose bya USDA cyangwa wandike ibaruwa yandikiwe USDA hanyuma utange muri iyo baruwa amakuru yose yasabwe. Kugira ngo usabe kopi y'urupapuro rw'ikirego, hamagara (866) 632 9992. Tanga urupapuro wujuye cyangwa ibaruwa yawe muri USDA ukoresheje: (1) amabaruwa: Ishami rishinzwe ubuhinzi muri Amerika, Ibiro by'Umunyamabanga wungirije ushinze uburenganzira bw'ikiremwa muntu, 1400 Avenue y'ubwigenge, SW, Washington, D.C. 20250 9410; (2) fax: (202) 690 7442; cyangwa (3) imeri: [program.intake@usda.gov](mailto:program.intake@usda.gov).

USDA ni umukoresha, uguriza, utanga amahirwe angana Kuri bose.

Iyi inyandiko yavuye aha: <https://www.usda.gov/non-discrimination-statement>

***Uburyo bwo Gutanga Ikirego kubera Ivangura:***

<https://www.usda.gov/oascr/how-to-file-a-program-discrimination-complaint>

*Guha abana bose umutekano, kurera, kwitabira, gushimishije, no kunezerwa biga, kugirango bibafashe kunguka ubumenyi, no kugira icyizere gikenewe kugirango batsinde, no guhangana n'inshingano zizaza nyuma baba bari mu ishuri cyangwa no mu ubuzima.*

## Filozofiya, integanyanyigisho, & Gahunda isanzwe ya buri munsu

### Amashuri y'ikiburamwaka

Gahunda yacu ya progaramu y'ishuri ry'ikiburamwaka ishingiyeye ku ibikorwa bikwiye by'iterambere, bisaba guhura n'abana aho bari ndetse no gutegura intambwe zabo zikurikira binyuze m'uburyo butandukanye kandi butoroshye. Ibidukikije by'ibyumba by'ishuri byateguwe kugirango tuzamure imyigire y'abana binyuze mu ugukora ibintu ukoresheje amaboko, bigatanga amahirwe yo gukina. Ibifitiye akamaro birasobanurwa, bikemerera abana gukina no gucukumbura ibikoresho ku igiti cyabo cyangwa bari hamwe n'abagenzi babo bayobowe n' umwarimu.

Ibyumba by'uruhinja bikoresha integanyanyigisho zuzuye zishingiye ku ubushakashatsi buriho, bugamije kubaka umubano mwiza, bityo abana bakumva bafite icyizere cyo gushakisha no gukoresha ibitekerezo byabo byo guhanga binyuze mu ugukina bafite intego igamijwe kugerwaho.

Ibyumba byacu by'amashuri y'ikiburamwaka byifashisha integanyanyigisho, ishingiyeye ku ubushakashatsi yateguwe neza kugirango itange umusingi wuzuye w'amasomo kandi utezimbere kurera abana, kwigirira icyizere, no kwigenga.

Gahunda ya buri munsu ishyingirwa muri buri icyumba cy'ishuri k'urwego rwaho abana bashyikira. Ibi bishyiraho ibintu bihoraho bifasha abana kuvuga uko ibintu byakurikiranye no kumva bafite umutekano no kwicyungira umunsu wabo neza. Gahunda isanzwe ikubiyemo Gusuhuza Igihe, Ifunguro rya mu gitondo, Igihe cy'itsinda rinini, Igihe cy'itsinda rito, Igihe cyo Gutegura, Igihe cy'umukoro, Igihe cyo Gusukura, Igihe cyo kwibuka, Igihe cya sasita, Igihe cyo kuruhuka, Igihe cyo kuba hanze, kandi Igihe cyo gusoma baranguruye.

## Uruhinja / Umwana muto

Gahunda ya buri umunsi yo kurera itanga amahirwe yo kubaka umubano mwiza n'abana no gushyigikira ikizere. Abarimu babigambiriye kubera ubunararibonye bwa buri munsi batanga igihe bashishikariza abana gukina ibikinisho, kwigana no kwigiza nkana, kwishimira ibitabo n'inkuru, guhanga ibihangano, n'ibindi byinshi, mu igihe babaha uburyo bwo kugirango bahitemo ikibashimishije, ubushobozi, n'ibikenewe kuri abo abana bashinzwe.

Abarimu bakoresha ibi bihe bisanzwe kugirango bongere amatsiko y'abana, babafashe kumva bafite umutekano, kandi bashireho ururimi rukungahaye rwuzuyemo imvugo ishyushye, yuje urukundo, kandi ifite intego. Ibi nibyo bifasha kubaka umusingi witerambere ry'abana bejo hazaza mu ishuri no mu ubuzima.

## Kwitabwaho Kwibanze

Buri umwana uri mu amashuri yacu y'abana bato azagira umurezi wibanze umushinzwe igihe cyose kugirango arebe ko ibyo akeneye k'umubiri no ku amarangamutima byujujwe. Umurezi wibanze yita k'umwana ashinzwe ku ibyo akeneye kandi ashinzwe byinshi mu ibyo umwana akora buri munsi. Ibi birimo, ariko ntibigarukira gusa k'umvugo no k'umubiri nko gusuhuza no kugenda, guhumuriza, kugaburira, guhindura dayapa, gusinzira, gukurikirana ibintu byihariye, gukina m'urugo no hanze, no gukomeza imikoranire ye n'ababyeyi b'umwana kubyerekeranye umwana wabo.

## Impapuro za buri munsi (Amashuri y' Abana bato)

Twifashishije porogaramu ya Kaymbu mu uburyo bwa digitale guha ababyeyi amakuru ya buri umunsi yerekeye umwana wabo, nk'impinduka mu ukugaburira umwana, uburyo bwo gusinzira, uburyo bwo kvanaho, n'iterambere, no kumenya abarezi b'ibanze b'umwana wabo. Ifishi y'urupapuro ikoreshwa m'uburyo bwa mbere kugeza umuryango kuri porogaramu. Ababyeyi b'abana batangira amashuri y'ikiburamwaka bafite ibibazo byihariye bashobora gusaba urupapuro rwa buri umunsi ko rubohererezwa.

## Ibyitonderwa ku Ikirere

Abana bakinira hanze buri umunsi, niba ikirere kimeze neza. Kwitonda ni ngombwa cyane mu igihe cy'ubushyuhe bukabije cyangwa ubukonje bukabije, n'igihe umwuka womu ikirere utari mu urugoro rwiza rwo gukinira hanze. Nyamuneka ambara ibijyanye n'uko ikirere kimeze.

## **Kwitegura Ishuri**

### **Gusuzuma Iterambere**

Abana bose basuzumwa imikurire, imvugo, imyitwarire, kumva no kureba mu igihe cy'iminsi 45 binjiye muri HS4KC. Gusuzuma bitanga amakuru kugirango umenye niba umwana akeneye koherezwa ahandi yasuzumirwa biruseho. Abarimu n'abasura m'urugo hamwe n'umuryango barebera hamwe iryo isuzuma kugirango bamenye gahunda izakomeza gushyigikira iterambere ry'umwana.

### **Isuzuma Ku Iterambere**

Inyigisho zacu zahujwe na Head Start mu ugusuzuma hakiri kare ibisubizo, izo nyigisho zishyigikira ibyiciro bitanu by'ingenzi byo kwitegura ishuri: Ururimi & Kwandika, Kumenya, Uburyo bwo Kwiga, Ubushishozi, Gukoresha umubiri & Iterambere ry'umubiri, hamwe n'iterambere ry'imibereho n'amarangamutima. Abarimu bakoresha ibintu 34 mu ibyiciro 8 by'iterambere no kwiga kugirango batange isuzuma rihoraho nk'igikoresho cyo gusuzuma COR Advantage, gisangizwa imiryango nyuma ya buri igihe.

### **Ibikoresho byo Ukwitegura**

Buri umuryango uzahabwa igitabo gishya, ibikorwa byo kwiga na kalendar uzishimira wowe ubwawe n'umwana wawe. Muri ibi ibikoresho harimo ibikwiranye n'imyaka y'umwana kugirango bifashe umwana wawe gukura. Shakisha ibi ibikoresho byo kuzana hamwe n'umwana wawe mu Ukuboza, Mata, na Kamena. Abasura m'urugo bazatanga ibikoresho byabo byo kwitegura m'Ukuboza, Mata, Gicurasi na Nyakanga.

### **Kwitegura Ishuri Uhuza Amakuru n'Abo Mu Urugo- Amakuru Ushobora Gukoresha**

HS4KC isohora ikinyamakuru buri cyumweru ku imiryango y'abana biyandikishije muri gahunda y' amashuri y'ikiburamwaka ndetse no gusurwa m'urugo. Akanyamakuru "News You Can Use" gatanga amakuru ku ibyabaye, amatariki y'ingenzi n'ibutsa, menus ya buri ukwezi, umutungo w'abaturage, hamwe n'ubushakashatsi bwakozwe bushingiye ku gufasha abana n'imiryango mu imikurire, kwiga no kwiteza imbere.

## Kwiyemeza kw'Ababyeyi n'Umuryango

Kwiyemeza kw'ababyeyi n'imiryango bijyanye no kubaka umubano n'imiryango ifasha imibereho myiza y'umuryango, umubano ukomeye hagati y'ababyeyi n'abana babo, hamwe no kwiga no kwiteza imbere ku ababyeyi ndetse n'abana.

## Uburezi mu Ugusura Urugo

Gusura m'urugo bikorwa kabiri mu umwaka. Uburezi bwa mbere mu Ugusura Urugo bibaho mbere ya buri umwaka wa gahunda cyangwa igihe cyose umwana mushya yinjiye muri gahunda, kandi yibanda ku uguhura n'umwarimu w'umwana wawe cyangwa umushyitsi m'urugo no gusuzuma ipaki isobanura. Uburezi bwa kabiri kubasura mu urugo ruba mu mpeshyi kandi rwibanda ku ugutera inkunga umuryango wose, harimo kongera kwiyandikisha mu mwaka utaha, kwandikisha abavandimwe, cyangwa kuganira ku kwimuka kw'umwana mu ishuri ry'incuke.

## Inama z'Umuryango

Inama zikorwa kabiri mu umwaka ku abana batangira amashuri na inshuro eshatu mu mwaka ku abana bato bato, harimo Gusurwa m'Urugo. Intego y'ihuriro ni ugusuzuma iterambere ry'umwana ku giti cye no gukorana na buri muryango kugira ngo utezimbere intego zo kwiga zihariye ku imikurire y'umwana wabo. Inama ziba mu Gushyingo na Gashyantare buri umwaka wa gahunda ku abanyeshuri barangije amashuri yisumbuye no mu Gushyingo, Gashyantare, na Nyakanga ku impinja n'abana bato no gusurwa m'urugo.

## Inshingano k'umuco n'Indimi

Abana n'imiryango dukorera muri HS4KC byerekana amoko, umuco, n'indimi zitandukanye z'iki igihugu. Kubaha n'ubushobozi ni ibintu bibiri mu ibyingenzi by'umuco w'ikigo cyacu. Turashaka gutanga ibikoresho bizafasha abana bose kuba abantu babishoboye, batsinze, kandi bubaha. HS4KC iharanira guteza imbere ubushakashatsi n'ingamba zishingiye ku ubushakashatsi kugira ngo iterambere ry'imyigire myiza n'imibereho myiza y'abana bose n'imiryango yanditswe muri gahunda yacu, harimo abana badahuje indimi n'umuco ndetse n'imiryango yabo. Bumwe mu uburyo bwo kubikora ni ugusaba imiryango kugira uruhare ku urupapuro rumwe rwo mu ibitabo byacu byo kw'ishuri. Ibyumba by'ishuri biba birimo ibikoresho bitandukanye. Gahunda yo Gusura m'Urugo ikorana na buri umuryango ikoresheje ibikoresho biboneka m'urugo. Twizera ko:

- Imiryango ni abarimu ba mbere kandi bakomeye b'abana babo.
- Imiryango n'abafatanyabikorwa bacu bafite uruhare runini mu ugutezimbere umuryango wabo.
- Imiryango ifite ubuhanga ku ibyerekeye umwana wabo n'imiryango yabo.
- Umusanzu w'imiryango ni ngombwa kandi ufite agaciro.

## Ingendo shuri

Abiga ikiburamwaka bafite amahirwe yo kwitabira ingendo shuri zishyigikira intego zacu z'amasomo k'umunsi w'ishuri risanzwe. Ababyeyi babimenyeshwa hakiri kare kandi bashishikarizwa kubigiramo uruhare. Ingendo shuri ku abana bato bato bisaba ubufatanye bw'ababyeyi k'umunsi udasanzwe w'ishuri kugirango ababyeyi bashobore gutanga ubwikorezi no kwitabira hamwe n'umwana wabo.

## Kwizihiza Iminsi mikuru / Impano

Dushingiye ku icyifuzo cyo guteza imbere ukubahana kwa buri wese, Head Start irasaba ko kwizihiza ukwariko kwose kwakozwe kubitewemo inkunga na Head Start (guterana kw'abakozi, igihe cy'amasomo, inama z'ababyeyi, n'ibindi) byerekana imikorere ituma abana n'imiryango yose babyibonamo. Ibirori byose bizaba byubahiriza abantu b'amoko yose, amabara, igitsina, amadini, inkomoko y'igihugu, imyaka cyangwa abamugaye, uburebure, uburemere, abasezerewe mu ingabo, imiterere y'abashakanye cyangwa kuba mu ayandi amatsinda arinzwe.

Ibirori byo mwishuri n'ibikorwa bizubahiriza imyizerere y'imiryango yose, mu ukureba ibibazo "bihuriweho" byo kwishimira nka: ibihe bihinduka, ibyo abana bagezeho, umubare w'ibitabo ishuri ryasomeye hamwe, intambwe yiterambere, n'ibindi. Abarimu barashishikarizwa guhanga kandi gutegure ibirori by'umwimerere hamwe n'abana n'imiryango birenze ubucuruzi bwa Halloween, Noheri, n'ibindi. Ibintu nk'ubucuti, ubufatanye, gukemura ikibazo, kugera ku intego, cyangwa impinduka ku ikirere zateganijwe kuva kera.

## Ibyo Kwohereza kwishuri hamwe n'umwana wawe

Kuri HS4KC, tuzatanga ibintu byose umwana wawe akeneye ku umunsi wose kugirango yitabire igihe azaba ari kumwe natwe. Ibintu bimwe byihariye bishobora gufasha kugirango umwana wawe amererwe neza. Niba ukeneye kimwe muri ibi ibintu, nyamuneka vugana n'umwarimu w'umwana wawe kugirango agufashe.

Nyamuneka andika izina ry'umwana wawe ku ibintu byose byoherejwe kw'ishuri. Ntiwohereze ibiribwa ibyaribyo byose cyangwa ibikinisho.

## Impinja / Abana bato

Imyenda y'inyongera, ibikoresho byo hanze, Ibikoresho byo kumugusha neza (madanganya, ikiringiti \*, n'ibindi)

*\*Icyitonderwa: Ibiringiti ntibizashyirwa mu udutanda, dutanga imifuka yo kuryamamo*

## Amashuri y'Ikiburamwaka:

Igikapu, imyenda y'inyongera, ibikoresho byo hanze, Ikiringiti cyo mu igihe cyo kuruhuka.

Ibiringiti byoherezwa mu urugo buri icyumweru kugirango bimeswe.

# Ubwikorezi

*Umuyobozi ushinzwe ibikorwa: Jim Vandermaas ..... 616-735-0693*

*Umuyobozi ushinzwe gutwara abantu: Kim Allington ..... 616-453-4145 ext. 2291*

Umutekano w'umwana wawe ni cyo twimije imbere cyane. Kubera iyo mpamvu, birakenewe ko ababyeyi:

- Abakorerabushake muri bisi. Leta ya Michigan isaba umuntu mukuru ko yongerwa kuri buri bisi mu igihe abana barenga icumi (10) batwawe muri bisi. Ushobora gufasha kwemeza ko abanyeshuri bose batwarwa buri umunsi witanga kugendera muri bisi ijya / cyangwa iva kw'ishuri. Ubwa mbere abakorerabushake bo muri bisi bazabwirwa ibyo bategerejweho n'umushoferi w'umwana wabo mu igihe cyo gutangira gukorera ubushake.
- Mu igihe umukorerabushake adafite umutekano mu umuhanda runaka, abana icumi (10) bonyine ni bo bazajyanwa cyangwa bave ku amashuri.
- Uhe imiti yihutirwa y'umwana wawe uyihe umushoferi wa bisi. Ntuzigere ushyira imiti mu igikapu cy'umwana wawe cyangwa mu umufuka we.
- Fasha umwana wawe mu igihe yinjira cyangwa asohoka muri bisi. Abashoferi ba bisi bazaha gusa umwana wawe abantu (babihereye uburenganzira) n'ababyeyi. Abandi bantu bakuze bashobora kwemererwa binyuze muri Smart Tag Parent Portal, aho ushobora no kwiyangikisha kuri Smart Alerts. Umuntu wemerewe agomba kuba afite icyangombwa cyemewe kandi byibuze ufite imyaka 18 y'amavuko. Niba umubyeyi / umurezi cyangwa umuntu ubifitiye uburenganzira atabonetse mu igihe umwana atashye, umwana azasubizwa kuri Head Start for Kent County (HS4KC) cyangwa azajyanwa ku ikigo cya HS4KC CY'UBWIKOREZI, kiri kuri iyi aderesi 2626 WALKER AVE NW. Niba abakozi ba HS4KC badashoboye kuvugana n'umuntu waza gutwara umwana, abo bakozi bazahamagara Serivisi ishinzwe kurengera abana. Inshuro ya mbere ibi bibaye, uzahabwa umuburo mu inyandiko. Ubwa kabiri bibaye, serivisi zo gutwara umwana wawe zishobora guhagarikwa. Nibyongera bikaba, igishoboka gukurikirahoni ukuvanwa muri serivisi zitwara abantu; iki cyemezo kizafatwa hakurikije ubushishozi bw'umuyobozi ushinzwe ibikorwa.
- Gufunga umukandara w'umwana wawe. Umwana agomba guherekezwa n'umuntu mukuru akamugeza muri bisi igihe cyose kandi akaza no kumusanganira avuye muri bisi.
- Herekeza umwana wawe hakurya y'umuhanda niba umwana wawe agomba kwambuka umuhanda ajya cyangwa asohoka muri bisi. Mugihe bishoboka, ibyapa byaho bisi zihagarara bizaba biteye ku



uburyo umwana atagomba kwamubikranya umuhanda kugirango bikureho ko abana bakenera kwambuka umuhanda binjira cyangwa basohoka muri bisi.

- Tanga amakuru agezweho y'ukuntu bakubona.
- Kugirango hubahirizwe ibihe, abashoferi ba bisi bashobora gutegereza amasegonda 90 k'urugo urwo arirwo rwose, nyamuneka tegura umwana wawe hakiri kare.

Ugomba guhamagara ishami rishinzwe gutwara abantu kuri (616) 735 0693 kimwe no guhamagara ku ikigo cya HS4KC niba:

- Umwana wawe ataribugendere muri bisi yerekeza cyangwa avuye kwishuri
- Havutse ikibazo cyihutirwa

K'ubw' umutekano w'abana bacu, bisi zose za HS4KC zifite GPS na kamera zo kureba amashusho.

## Inyigisho k'Umutekano

### Umutekano w'Abanyamaguru

Nyamuneka muganire n'umwana wawe ku akamaro k'umutekano w'abanyamaguru.

Umutekano w'abanyamaguru ni ukugenda neza hanze, ntabwo ari kugenda m' umuhanda, no kwambuka imihanda, inzira nyabagendwa, no muri parikingi udafite umutekano. Wibuke ko abana bawe ari bato, kandi kugirango banyure mu imihanda, inzira nyabagendwa, na parikingi neza, abana bato bakeneye kwambutsa n'umuntu mukuru. Abana bari muri iki kigero ntibagomba kwizerwa bafite icyemezo cyiza nko kumenya niba ari byiza cyangwa atari byiza kurenga umuhanda. Abana bato buri iteka bagomba kwambuka umuhanda bari kumwe n'umuntu mukuru. Ushobora kuvugana n'umwarimu w'umwana cyangwa uza kubasura m'urugo ku ibitabo byihariye bikubiyemo umutekano w'abanyamaguru waganiyeho n'umwana wawe.

Ikindi kintu cyerekeye umutekano w'abanyamaguru ni ukugira umuntu mukuru uherekeza umwana kuri bisi no hanze. Ibi bifasha abana kwiga inzira itekanye yo kwinjira no gusohoka muri bisi (kugenda, gufata ahabigenewe, intambwe imwe imwe) kandi byigisha umwana kwambara umukandara iyo ari mu imodoka. Izi ngingo zose n'ingirakamaro k'umutekano w'abanyamaguru. Mu gihe ababyeyi baherekeza abana babo kuri bisi, binjira bisi, no kwicara mu imyanya yabo, baba barimo batanga urugero rwiza ku abana babo, ndetse n'abandi abana bari muri bisi.

## Umutekano muri Bisi

HS4KC yiyemeje guha abana bacu n'imiryango yabo amakuru y'ingenzi y'ubuzima n'umutekano. Ingingo zivugwa mwishuri kandi zishimangirwa m'urugo bizaha abana bacu amakuru ahoraho kandi bizabafasha kubika amakuru mu uburyo bworoshye.

Nyamuneka suzuma ingingo zikurikira hamwe n'umwana wawe kugirango ushimangire ibyo baziga kw'ishuri.

### Kwinjira no Gusohoka mu Imodoka

Nyamuneka ushishikarize umwana wawe gukora ibi bikurikira mu igihe yinjiye kandi asohotse muri bisi:

- Genda
- Kugenda umuntu umwe umwe
- Fata aho bafatiriza n'amaboko
- Intambwe imwe imwe
- Iyo yinjiye muri bisi, aje mu icyicaro mu imodoka
- Kwambara umukandara, gusaba ubufasha niba bikenewe

### Ahantu hateza Akaga

Nyamuneka muganire n'umwana wawe ahantu hateza akaga nko kuba hafi y'imodoka. Ahateza akaga ni nko muri metero icumi zikikije bisi. Ibinyabiziga, cyane cyane nka bisi, ni binini, k'ubwibyho biragoye ko umushoferi abona ibintu biri hafi ya bisi.

- Ntuzigere ugenda ahazengurtse bisi
- Ntuzigere ugenda wegereye bisi
- Genda uromboreje ugana umuryango wa bisi, ariko ntuwegere cyane kugirango umushoferi akubone
- Ntuzigere unyura imbere ya bisi keretse uri kumwe n'umuntu mukuru

## Gusohorwa muri Bisi

Abana bose batwarwa na bisi bazasohorwa muri bisi inshuro eshatu mu igihe cy'umwaka w'ishuri. Gusohorwa muri bisi bikorwa m'uburyo bugenzurwa. Bemerera abana kwitoza gusohoka muri bisi mu igihe cyihutirwa, gutega amatwi umushoferi, no guhurira ahabigenewe. Abana bazitoza gusohokera m'umuryango w'iruhande, umuryango w'inyuma, mu imiryango yombi icyarimwe. Niba wifuza kuba muri iyo myitozo yo gusohorwa muri bisi, nyamuneka hamagara umushoferi w'umwana wawe kugirango umenye igihe cyateganirijwe kuzakorerwaho iyi imyitozo.

# Kurera Abana muri Leta ya Michigan

## Ikaye Y'Uruhushya

- (I) Kumenyeshya ukuboneka kw'ikaye y'uruhushya yo ku ikigo. Itangazo rigomba kuba rikubiyemo ibi bikurikira:
  - (i) Ikaye ry'impushya rikubiyemo ubugenzuzi bw'impushya na raporo ziperereza zidasanzwe hamwe na gahunda y'ibikorwa byo gukosora mu imyaka 5 ishize.
  - (ii) Ikaye y'impushya ababyeyi bashobora kuyirebamo mu igihe cy'amasaha y'akazi.
  - (iii) Raporo y'ubugenzuzi bw'impushya, raporo ziperereza zidasanzwe, hamwe na gahunda y'ibikorwa byo gukosora byibuze byo mu imyaka 3 ishize biboneka k'urubuga rw'uruhushya rwo kwita ku abana kuri [www.michigan.gov/michildcare](http://www.michigan.gov/michildcare). Aderesi y'urubuga igomba kuba yanditse neza.



# Head Start for Kent County

Connecting Families and Community Resources



## Murakoze!

Ibi bikoresho byakozwe ku inkunga yatanzwe n'Ishami rya Michigan rishinzwe ubuzima burambye busingie ku lmyigire, Iterambere, n'Ubushobozi.



Ubusanzwe ya vubaha y'igitabo iteka iboneka kuri [www.hs4kc.org](http://www.hs4kc.org)

Yasubiweho: October 18, 2024 11:13 AM